Kigali, le 20 OCT. 1999

**REPUBLIQUE RWANDAISE**

SERVICES DU PREMIER MINISTRE

N°..095..../03.0

**Madamu, Bwana Minisitiri (Bose)** MIJESPOC
**Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta (Bose)**
**KIGALI**

A traiter par ..............
Date entrée : 22-10-99
N° Classement : 2070

Madamu, Bwana Minisitiri,
Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta,

Ku mugereka w'uru rwandiko nejejwe no kubagezaho inyandiko zikurikira :

- Disikuru Porogaramu ya Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda nk'uko maze kuyigeza ku ba Depite mu Nteko Ishinga Amategeko uyu munsi tariki ya 20 Ukwakira 1999.
- Imigereka ikubiyemo porogaramu ya buri Minisiteri muri iyi myaka ine y'inzibacyuho yatangiye tariki ya 20/07/99.

Mbifurije kubyakira neza.

**Petero Selesitini RWIGEMA**

**Minisitiri w'Intebe**

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo
KIGALI

B.P. : 1334 Tél. : 8 5444 Fax : 8 3714

*DISIKURU POROGARAMU YA GUVERINOMA Y'UBUMWE BW'ABANYARWANDA YAGEJEJWE KU BADEPITE MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO TARIKI YA 20 UKWAKIRA 1999 NA MINISITIRI W'INTEBE, NYAKUBAHWA PETERO SELESITINI RWIGEMA*

**Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko,**

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**

**Nyakubahwa Visi Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko,**
**Nyakubahwa Sekereteri Depite,**

**Ba Nyakubahwa ba Depite,**

Nk'uko mubizi, Guverinoma y'inzibacyuho yagiyeho bwa mbere ku itariki ya 19 Nyakanga 1994 ishyizweho n'Umuryango wa FPR Inkotanyi ufatanyije n'Amashyaka ya politiki yari yiyemeje kurwanya ibitekerezo n'ibikorwa by'itsembabwoko n'itsembatsemba no kubaka u Rwanda rugendera ku mategeko kandi rwubahiriza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. U Rwanda rurengera buri wese kandi buri wese afitemo ijambo.

**Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko;**
**Ba Nyakubahwa ba Depite;**

Ku italiki ya 12 Ukuboza 1994, Inteko Ishinga Amategeko yagejejweho porogaramu ya Guverinoma y'inzibacyuho izakongera gushimangirwa taliki ya 31 Kanama 1995, iyo porogaramu ikaba ishingiye ku ngingo 8 z'ingenzi zikurikira:

1. **Kugarura umutekano n'amahoro mu Gihugu;**
2. **Kuvugurura ubutegetsi Bwite bwa Leta, ubw'Amaperefegitura, Komini, Segiteri na Selire;**
3. **Guharanira ubwiyunge bw'Abanyarwanda;**
4. **Gucyura no gutuza impunzi, gusubiza mu byabo ababivanywemo n'intambara n'imvururu;**
5. **Guharanira imibereho myiza y'abaturage bose muri rusange no kwita ku bibazo by'abatagira kivurira kubera intambara, itsembabwoko n'itsembatsemba nk'imfubyi, abapfakazi n'ibimuga;**
6. **Kuzahura ubukungu bw'Igihugu;**
7. **Kuvugurura politiki y'Ububanyi n'Amahanga;**
8. **Gushimangira Demokarasi mu Rwanda.**

**Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko,**

**Ba Nyakubahwa ba Depite,**

Guverinoma y'Ubumwe ikimara kujyaho muri 1994, yihatiye gutunganya ibikorwa bishamikiye kuri izo ngingo uko ari umunani. Nyuma y'imyaka itanu yari yihaye, Guverinoma imaze gukora ibikorwa byinshi kandi by'ingirakamaro, bigamije gukemura ibibazo u Rwanda rwatewe n'itsembabwoko n'itsembatsemba, nk'uko nabigejeje ku banyarwanda tariki ya 19 Nyakanga 1999, ubwo twizihizaga isabukuru y'imyaka itanu Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda imaze ishinzwe.

Igihugu cyacu cyahuye n'ibibazo bidasanzwe biturutse ku mutekano muke cyane cyane mu majyaruguru y'u Rwanda ndetse no mu karere k'Ibiyaga Bigari.

Ibitero by'INTERAHAMWE na EX-FAR byari bishyigikiwe n'ubutegetsi bwa Perezida MOBUTU byakomeje guteza umutekano muke mu Rwanda.

Ubwo igice kimwe cy'Abanyekongo, cyahagurutse kigafata intwaro ngo gihirike ubutegetsi bwa Perezida MOBUTU, twagishyigikiye twizera ko umutekano n'ubutegetsi bubereye abaturage bigiye kuboneka muri aka karere.

Byaje kugaragara ariko ko, nabo twafashije kugera ku butegetsi, badutabye mu nama; batangira gukorana ku mugaragaro no guha intwaro INTERAHAMWE na Ex-FAR no guhamagarira Abanyekongo kurimbura icyitwa umunyarwanda wese.

Ibyo byadushoye mu yindi ntambara yaje no kwimukira muri Kongo kugira ngo duhashye abicanyi.

Ibyo byose byagize ingaruka mbi kuri porogaramu zose no ku gihe zari ziteganirijwe mu nzego zose z'ubuzima bw'igihugu no ku makomisiyo yari ateganijwe kujyaho ngo arangize imirimo ishobora kudufasha gusohoka mu nzibacyuho.

Kubera icyuho ibyo bibazo by'umutekano muke byateye muri gahunda na porogaramu z'ibikorwa, Guverinoma y'Ubumwe yasanze ari ngombwa gushyigikira icyemezo cy'ihuriro ry'amashyaka cyo kongera igihe cy'inzibacyuho ho imyaka ine. Muri iyo myaka ine ibikorwa bya Guverinoma bizibanda cyane cyane kuri porogaramu zatangiye muri 1994 zishingiye ku bikorwa bitarangiye, porogaramu zerekana ibibazo biriho bigomba gukemurwa, ibikorwa by'ingenzi bizakorwa kuri buri porogaramu n'intego bigamije kugezaho Abanyarwanda nyuma y'inzibacyuho.

**Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko;**

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri ;**

**Nyakubahwa Visi Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko;**

**Nyakubahwa Sekereteri Depite;**

**Ba Nyakubahwa ba Depite,**

**Ingingo ya mbere :**

**Umutekano n'amahoro mu gihugu**

Ingabo za FPR Inkotanyi zikimara guhagarika ubwicanyi, Abanyarwanda babashije kurokoka itsembabwoko n'itsembatsemba, bari bakiri mu gihirahiro cy'akaga n'agahinda batewe n'ayo marorerwa.

Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ikijyaho ku wa 19 Nyakanga 1994, yihatiye mbere na mbere y'ibindi byose kugarura umutekano n'amahoro mu gihugu kugira ngo ihumurize Abanyarwanda. Guverinoma yakomeje kandi guhangana n'abicanyi bari baranze kuva ku izima, bagabaga ibitero mu Rwanda, baturutse iyo bari barahungiye bakaza gusenya, kwica abaturage bibasiye cyane cyane abarokotse n'abayobozi b'ingeri zose.

Mu mpera za 1996, Leta imaze gukora ibishoboka byose ngo impunzi hafi ya zose zitahuke, Guverinoma yongeye guhura n'ikibazo cy'abacengezi baje bihishe mu mpunzi zitahutse ikivunge, bongera kwisuganya, biremamo imitwe y'ubwicanyi mu mpande nyinshi z'igihugu ariko biganje cyane cyane mu majyaruguru y'igihugu.

Nk'uko twabivuze tariki ya 19 Nyakanga 1999, igihe twagezaga ku banyarwanda ibyagezweho muri iyi myaka itanu ishize, ubu mu Rwanda hose umutekano urahari. Abaturage baragenderana kandi barahahirana mu mpande zose z'igihugu. Abanyarwanda nabo bashishikarijwe kwicungira umutekano, ababishinzwe kurusha abandi (LDF) bahawe amahugurwa n'ibikoresho. Ubu hamaze no gushyirwaho urwego rumwe rw'abapolisi. Gendarmerie nayo yahawe ibikoresho biyifasha gutahura abagizi ba nabi no gucunga umutekano mu gihugu.

N'ubwo umutekano imbere mu gihugu wari umaze kugerwaho, hanze y'igihugu haracyari udutsiko tugifite umugambi wo kurwanya Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda twiganje cyane cyane muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo. Guverinoma ihereye ku buremere bw'icyo kibazo ikaba igomba gukomeza kurwanya abagamije guhungabanya umutekano

w'Abanyarwanda aho baba bari hose, kuko umutekano utagira ikiguzi, tudafite umutekano usesuye ntabwo igihugu cyashobora gufata ingamba z'amajyambere arambye.

**Kugira ngo ibyo bizagerweho, Guverinoma irateganya gushyira mu bikorwa porogaramu z'ingenzi zikurikira:**

1. **Kongera ubushobozi bw'ingabo z'Igihugu, zihabwa amahugurwa ku bumenyi bugezweho mu rwego rwa gisilikari;**
2. **Gushakira ingabo ibikoresho bya gisilikare by'ubwoko bunyuranye kandi bigezweho;**
3. **Kubaka urwego rwa Gipolisi, kuruha ubushobozi mu bumenyi no mu bikoresho bikenewe kandi bigezweho;**
4. **Gukomeza cyangwa gutangiza aho ari ngombwa ubutwererane n'ibindi bihugu mu rwego rwa Gisilikare na Gipolisi;**
5. **Gukomeza porogaramu yo kwigisha no gukangurira abaturage uburyo bwo kwicungira umutekano;**
6. **Guhuriza hamwe inzego zishinzwe iperereza, kuzishakira ibikoresho byangombwa no kuzikorera amahugurwa;**
7. **Kuvugurura, kongera no gutangiza ibikorwa bibyara umusaruro mu bigo bya Gisilikare;**
8. **Gusana no kubaka ibigo bya Gisilikare n'ibigo bya Gipolisi.**

Izo porogaramu nizishyirwa mu bikorwa, Abanyarwanda bazagira umutekano uhagije kandi bamenye neza agaciro k'umutekano mu mibereho yabo ya buri munsi, banagire urukundo rusesuye rw'igihugu cyabo.

<u>**Ingingo ya kabiri:**</u>

**Ukuvugurura Ubutegetsi Bwite bwa Leta, ubw'Amaperefegitura, Komini, Segiteri na Selire .**

N'ubwo Guverinoma yihatiye muri iyi myaka itanu ishize, gushakisha abakozi bakenewe kandi babifitiye ubushobozi no kubagezaho ibikoresho, ikaba yarashoboye no gushyiraho ubutegetsi mu nzego za Perefegitura na Komini; ikanegereza abaturage ubuyobozi bunyuze mu matora, hashyirwaho inzego z'ibanze mu maserire no mu masegiteri haracyari ibibazo bikomeye. Ibyingenzi muri byo akaba ari ibi bikurikira :

1. Amategeko agenga inzego z'ubutegetsi ashaje atagihuje n'ibihe tugezemo;
2. Kutagira abakozi bahagije bafite impamyabumenyi n'ubushobozi bwo gukora imirimo imwe n'imwe ikenewe mu gihugu, cyane cyane mu bijyanye na tekiniki;

3. Inzego z'ibanze zo mu masegiteri no mu maserire zitagira ibikoresho n'aho zikorera;
4. Ruswa no kunyereza umutungo birangwa mu nzego zimwe na zimwe z'ubutegetsi.

**Kugira ngo ibyo bibazo bishobore gukemuka, Guverinoma yatangiye kandi izakomeza gushyira mu bikorwa porogaramu zikurikira :**

1. **Gutoza abanyarwanda kugira uruhare mu mitegekere;**
2. **Guhindura ibirangantego by'igihugu cy'u Rwanda;**
3. **Kuvugurura ubutegetsi bwite bwa Leta, turushaho kwegereza abaturage inzego z'ubuyobozi;**
4. **Guhugura abakozi bari mu nzego zose z'ubuyobozi;**
5. **Gufasha inzego z'ibanze kubona aho zikorera hatunganye n'ibikoresho bya ngombwa;**
6. **Kurwanya ruswa no kwita ku mutungo rusange w'igihugu;**
7. **Kubaka no guha ibikoresho inzego z'ubugenzuzi bw'umutungo wa Leta.**

Nyuma y'inzibacyuho, ibikorwa bishingiye kuri izi porogaramu bizatuma u Rwanda rugira ubutegetsi butunganye kurushaho, bushingiye ku mategeko abereye u Rwanda n'Abanyarwanda no ku bushobozi bw'abakozi b'ingeri zose.

Izo porogaramu kandi zizatuma inzego z'ubuyobozi bw'ibanze zishinga imizi kandi zigendera ku bitekerezo bivuye mu baturage bose.

<u>Ingingo ya gatatu</u> :

**Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda**

Mugushakira umuti ikibazo cy'ubumwe n'ubwiyunge, Guverinoma yakoze ibishoboka kugira ngo Abanyarwanda bongere basabane, haba hakoreshejwe inyigisho zihoraho zigezwa ku banyarwanda mw'itangazamakuru rya Leta n'iryigenga, zaba ingendo abayobozi b'inzego zinyuranye bakora, byaba ibiganiro bica kuri Radiyo na Televiziyo by'u Rwanda, cyangwa inyigisho zitangirwa mu ngando no mu manama bikorwa hirya no hino mu gihugu.

Guverinoma kandi yihatiye gusana no kongera gutangiza inzego z'ubutabera kugira ngo abakoze itsembabwoko n'itsembatsemba bacirwe imanza kandi bahanwe, bityo n'umuco wo kudahana ucike burundu.

Kubera uburemere bw'itsembabwoko n'itsembatsemba ryahungabanyije bikomeye imitima y'Abanyarwanda, ibikorwa bya Guverinoma muri iyi myaka itanu ishize byageze kuri byinshi by'ingirakamaro muri urwo rwego, ariko ubwiyunge, ubusabane n'ubumwe nyakuri bw'Abanyarwanda ntibiragerwaho kubera impamvu zikurikira :

1.Haracyagaragara hirya no hino mu gihugu no mu mahanga Abanyarwanda n'abanyamahanga bagifite imyumvire n'ibitekerezo bibi ku Rwanda, byuzuye amacakubiri;

2.Haracyari kandi ibikorwa by'ubwicanyi bigambiriye gukomeza itsembabwoko n'itsembatsemba;

3.Haracyari ikibazo cy'imfungwa nyinshi zitaracibwa imanza kugira ngo abakoze ibyaha babihanirwe n'abarenganye barenganurwe;

4.Haracyari kandi urugomo no kwica amategeko bikigaragara muri bamwe mu Banyarwanda.

**Kugira ngo ubumwe n'ubwiyunge birusheho gushinga imizi mu banyarwanda, Guverinoma izihatira gushyira mu bikorwa porogaramu zikurikira:**

1. **Guhamya no gushyigikira ibikorwa bya Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge ibikorwa bizibanda cyane cyane ku biganiro-mpaka, amahugurwa n'amanama bitangiye gukorerwa hirya no hino mu Gihugu bigamije kwereka Abanyarwanda ibyiza bahuriyeho, imizi y'ibibatanya no kurandura imyumvire n'imitekerereze mibi bikomoka ahanini ku igorekwa ry'amateka y'u Rwanda;**
2. **Gushyiraho Komisiyo ishinzwe gukosora no kwandika amateka nyakuri y'u Rwanda;**
3. **Gukomeza gusobanurira by'umwihariko Abanyarwanda bari mu mahanga politiki y'ubumwe n'ubwiyunge u Rwanda rwiyemeje kandi rugenderaho, kugira ngo abagitsimbaraye ku bikorwa by'itsembabwoko n'itsembatsemba bumve ko ntacyo bishobora kubagezaho;**
4. **Gukomeza gukangurira Abanyarwanda bari hanze kuza gufatanya n'abandi banyarwanda kubaka igihugu;**
5. **Gushyiraho inkiko gacaca abaturage bose bazagiramo uruhare, kugira ngo ukuri ku byabaye kumenyekane, kandi ubucamanza bwihutishe imanza zirebana n'itsembabwoko n'itsembatsemba;**
6. **Kwigisha no gukangurira Abanyarwanda kumenya amategeko igihugu kigenderaho, by'umwihariko arebana n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu no gufata ingamba zo kurwanya icyahungabanya ubwo burenganzira icyo aricyo cyose;**
7. **Guverinoma izakomeza umugambi yatangiye wo kuvugurura amategeko amwe n'amwe kugira ngo ahuzwe n'igihe tugezemo. Hifashishijwe Komisiyo y'Itegeko Nshinga, hazategurwa itegeko nshinga n'andi mategeko ngenga abereye igihugu n'Abanyarwanda u Rwanda ruzagenderaho nyuma y'inzibacyuho.**

Ibikorwa bishingiye kuri izo porogaramu bizatuma tugera ku bumwe n'ubwiyunge busesuye, mu gihugu kigendera ku mategeko ahamye kandi cyubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

**Ingingo ya kane :**

**Gucyura no Gutuza Impunzi, Gusana ibyangijwe, Gusubiza mu buzima busanzwe abashegeshwe n'intambara, itsembabwoko n'itsembatsemba.**

Twakwibutsa ko intambara, itsembabwoko n'itsembatsemba byo mu 1994 byashenye igihugu, byahitanye abantu b'inzirakarengane barenga miliyoni, byadusigiye ibibazo bikomeye birimo umubare w'impunzi zirenga miliyoni 3, abavanywe mu byabo, ibimuga, abapfakazi, abana benshi b'imfubyi batagira kivurira.

Mu myaka itanu ishize, Guverinoma yakoze uko ishoboye isubiza mu byabo abantu hafi ya bose bari babivanywemo n'intambara, itsembabwoko n'itsembatsemba. Yashoboye kandi gucyura abagera kuri 97% by'impunzi z'Abanyarwanda, ari iza kera n'iza vuba. Abatahutse batari bafite aho bajya, Guverinoma yabafashije kandi iracyakomeza kubafasha kubona aho batura. Yashyizeho Politiki rusange y'imiturire mu midugudu mu gihugu hose; Guverinoma yihatiye kuyishishikariza Abanyarwanda, kuyibateramo inkunga ifatanyije n'inshuti z'u Rwanda.

N'ubwo mu myaka itanu ishize Guverinoma yageze kuri byinshi kandi bishimishije, haracyari ibibazo by'ingutu bijyanye no gusubiza mu buzima busanzwe abahungutse.

Haracyari kandi Abanyarwanda, n'ubwo atari benshi, bataratahuka.

Abanyarwanda batari bake ntibaracengerwamo na politiki rusange ya Guverinoma yo gutura mu midugudu, ndetse hari abagitekereza ko iyo politiki ireba abatahutse gusa kandi iyo gahunda ari iy'Abanyarwanda twese. Imiturire yo mu mijyi iracyiganjemo utujagari, birasaba ingamba zihamye zo kugena no kubahiriza imiturire n'imitunganyirize y'ahagenewe guturwa hirya no hino mu gihugu.

**Kugira ngo ibyo bibazo bikemuke, Guverinoma izihatira gushyira mu bikorwa porogaramu zikurikira :**

1. **Guverinoma izakomeza gushishikariza Abanyarwanda bari mu mahanga gutahuka no kugeza ku mahanga ibisobanuro n'inyandiko zatuma arushaho kumenya ukuri ku bibazo by'u Rwanda;**

2. **Guverinoma izakomeza kunoza gahunda zizafasha abaturage kwiyubakira mu midugudu, ziborohereza kubona ibyangombwa byo kubaka, ibikoresho by'ubwubatsi no kubegereza ibikorwa remezo;**

**3. Kurangiza itegurwa ry'imishinga y'amategeko azagenga ubutaka n'imiturire mu gihugu.**

Ibikorwa bikubiye muri izo porogaramu, bizatuma umubare w'Abanyarwanda baba mu mahanga biyita impunzi ugabanuka cyane.

Inzibacyuho izarangira Abanyarwanda benshi bamaze kumva akamaro ko gutura mu midugudu na Guverinoma imaze gushyiraho ibishushanyo mbonera bijyanye n'imiturire yo mu mijyi.

**Ingingo ya gatanu:**

## Kuzahura Ubukungu bw'Igihugu.

Intambara, itsembabwoko n'itsembatsemba byasenye bikomeye ubukungu bw'igihugu ndetse n'ubw'abantu ku giti cyabo.

Ibikorwa remezo by'amajyambere, iby'inganda n'ubucuruzi, amazu y'ubutegetsi, imihanda n'amateme, imiyoboro y'amazi n'amashanyarazi, ibikoresho by'itumanaho, ibibuga by'indege, amamodoka n'ibindi byarangijwe bikomeye, ibindi birasahurwa kugeza kuri Banki Nkuru y'Igihugu.

Muri gahunda yo kuzahura ubukungu, Guverinoma ifatanyije n'Abanyarwanda n'ibihugu by'inshuti n'imiryango nterankunga byihatiye gushyira mu bikorwa porogaramu z'ibikorwa byihutirwa byatumye ibikorwa remezo byinshi byari byarononekaye bisanwa ; abacuruzi, abanyenganda, abanyamabanki n'abandi basubukuye imirimo yabo.

Ku birebana n'ubuhinzi n'ubworozi Guverinoma yashishikarije Abanyarwanda kwita ku mirimo y'ubuhinzi n'ubworozi no kongera umusaruro. Ibikorwa byo kuzahura ubukungu byajyanye kandi no guhesha agaciro ifaranga ry'igihugu.

N'ubwo Guverinoma yageze kuri byinshi mu kuzahura ubukungu bw'igihugu ikanatangiza porogaramu y'amajyambere arambye, haracyariho ibibazo by'ingutu Guverinoma igomba gukemura.

Nubwo Abanyarwanda basaga 90% batunzwe n'imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi, Abanyarwanda benshi ntibarashobora kubona ibibatunga bihagije.

Ku birebana n'ibikorwa remezo, hamwe na hamwe ntibirasanwa kandi biracyari bikeya mu cyaro. Inganda n'ibikorwa by'ubucuruzi n'ubukorokori biracyari bicyeya, ibicuruzwa tuvana hanze, haba ari mu bwinshi cyangwa se mu mafaranga, biruta cyane ibyo twoherezayo.

Muri rusange, n'ubwo twateye intambwe igaragara mu kuzahura ubukungu bw'igihugu, inzira iracyari ndende kugira ngo ubukungu bw'igihugu bushinge imizi kuko ubungubu u Rwanda ruracyabarirwa mu bihugu bicyennye cyane ku Isi.

**Kugira ngo ubukungu burushcho gutera imbere, Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda irateganya muri iyi myaka ine iri imbere , gushyira mu bikorwa porogaramu zikurikira :**

1. **Kwihatira kugabanya ubukene mu banyarwanda;**

2. **Guteza imbere umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi twita cyane cyane ku bihingwa n'amatungo bizanira inyungu umunyarwanda kurusha ibindi bikorwa yakorera mu isambu ye;**

3. **Ubwoko bw'amatungo yacu butanga umusaruro muke, Guverinoma yatangije kandi izakomeza gahunda yo gutumiza mu mahanga amoko y'inka zikamwa menshi; kwongera ubushobozi mu gutera intanga mu matungo; kwongera ubushobozi bwa laboratoire isuzuma indwara z'amatungo n'ubw'ikigo gitera intanga;**

4. **Gushaka ibindi bihingwa byakwera mu Rwanda bikagemurwa mu mahanga;**

5. **Kuvugurura, gushyigikira no guteza imbere inganda, ubukorikori n'ubucuruzi bitabwaho cyane cyane ku by'iwacu, bifite agaciro kiyongera kurusha ibindi;**
6. **Gukomeza porogaramu yo kuvugurura ubukungu, gucunga neza no kugenzura umutungo w'Igihugu ;**
7. **Guteza imbere ubukerarugendo;**
8. **Ku birebana n'ibikorwa remezo, Guverinoma izakomeza kandi imirimo yo gusana no kongera ibikorwa remezo nk'imihanda, telefoni, amazi meza, amashanyarazi n'ibindi...;**
9. **Kunoza ingamba zo kubona inzira zihuse kandi zihendutse zo kunyuzamo ibicuruzwa biva cyangwa biza mu Rwanda, bituruka cyangwa bigana amahanga hakoreshejwe icyambu cya Dar es Salaam.**

10. **Guverinoma izanashyiraho politiki, ingamba na gahunda zo guteza imbere ikoranabuhanga mu itumanaho no guhererekanya amakuru (technologie de l'information et de la communication)**

Izo porogaramu, ziyongera kuzisanzwe, nizishyirwa mu bikorwa, ubushobozi bw'Abanyarwanda bwo kwibonera ibibatunga bihagije, buziyongera buri mwaka kurushaho, n'ubukungu bw'igihugu burushcho gutera imbere.

**Ingingo ya gatandatu:**

**Guharanira Imibereho Myiza y'Abaturage bose muri rusange no kwita ku bibazo by'abatagira kivurira kubera intambara nk'imfubyi, abapfakazi n'ibimuga.**

Kugira ngo Abanyarwanda bongere bagire imibereho myiza, Guverinoma y'Inzibacyuho yihatiye gusubiza mu buzima busanzwe imfubyi, abapfakazi n'abamugaye. Amashuri n'amavuriro byarasanwe kandi birongerwa. Abacu bazize Itsembabwoko n'Itsembatsemba bari bandagaye hirya no hino bashyinguwe mu cyubahiro.

N'ubwo hakozwe byinshi bigamije gucyemura ibibazo by'abatagira kivurira, imbabare ziracyari nyinshi.

Haracyari imfubyi, abapfakazi n'ibimuga bakeneye inkunga yo kubasubiza mu mibereho myiza. Amavuriro aracyari make, n'ubushobozi bwo kugura imiti buracyari buke ku banyarwanda benshi. Imyanya mu mashuri iracyari mike ugereranyije n'abakeneye kwiga, abarimu babifitiye ubushobozi nabo ni uko.

Ntiturashobora kurandura burundu ubujiji mu mbaga y'Abanyarwanda. Ntiturashobora gukemura ibibazo by'urubyiruko rw'inzererezi, indaya na ba mayibobo.

Muri iyi myaka ine turateganya ibikorwa byinshi bizafasha abanyarwanda kurushaho kugira imibereho myiza, **ibyo bikorwa bikaba bishamikiye kuri porogaramu zikurikira:**

1. **Korohercza abaturage uburyo bwo kwivuza, kubashishikariza kwirinda indwara z'ibyorezo nka Sida no kugira uruhare rugaragara mu micungire y'ibikorwa by'ubuvuzi bw'ibanze;**
2. **Kubaka amashuri, kuyabonera abarimu n'abayobozi babishoboye na porogaramu n'ibikoresho mfashanyigisho biberanye n'igihe tugezemo;**
3. **Guteza imbere ubushakashatsi mu nzego zinyuranye z'ubuzima bw'igihugu hitaweho ikoranabuhanga;**
4. **Gukomeza inzego z'abari n'abategarugori, iz'urubyiruko zigenerwa amahugurwa na porogaramu zihamye zizazifasha kwikemurira ibibazo;**
5. **Kwigisha no gutoza abanyarwanda kugira uruhare mu bikorwa bibagenewe;**
6. **Gukomeza kwinjiza mu buzima busanzwe abatishoboye, imfubyi, abamugaye cyane cyane abasizwe iheruheru n'itsembabwoko n'itsembatsemba.**

Izo porogaramu nizishyirwa mu bikorwa, Abanyarwanda bazaba bamaze gutera intambwe, bamaze guhindura imyumvire n'imitekerereze no kugira uruhare rugaragara mu gukemura ibibazo byabo.

**Ingingo ya karindwi:**

**Kuvugurura Politiki y'Ububanyi n'Amahanga.**

Amarorerwa y'itsembabwoko n'itsembatsemba byasigiye igihugu cyacu n'Abanyarwanda isura mbi. Guverinoma y'Ubumwe imaze kujyaho yihatiye kugarura isura nziza y'u Rwanda mu mahanga, gufungura ambasade twari dusanganywe no kwagura amarembo dushaka izindi nshuti.

Isura nziza u Rwanda rwakomeje kwerekana bitewe n'ubuyobozi bwiza n'ubutegetsi bugaragaza gahunda iboneye n'ubwitange mu guharanira amahoro n'ubutabera, byaheshej ishema ryinshi igihugu cyacu mu ruhando rw'amahanga.

Ibihugu bimwe na bimwe ariko ndetse nimwe mu miryango mpuzamahanga ntibirumva neza ikibazo cy'u Rwanda kijyanye n'ingaruka z'itsembabwoko n'itsembatsemba, hakaba hakiri abagishyigikiye abicanyi babaha urubuga, uruvugiro n'ubushobozi.

**Mu myaka ine iri imbere Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda izibanda kuri porogaramu zikurikira :**

1. **Gukomeza gusobanurira abanyamahanga imiterere y'ibibazo byacu na politiki y'u Rwanda ishingiye ku bumwe bw'Abanyarwanda;**
2. **Kwinjira mu East African Community no kubahiriza amahame n'amategeko by'uwo Muryango no kwagura umubano n'ubutwererane hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu cyane cyane ibyo mu karere dutuyemo;**
3. **Kwihatira gukemura ibibazo byo muri aka karere k'ibiyaga bigari;**
4. Kwongerera Ambasade zacu ubushobozi bwo kuzifasha kurangiza inshingano zazo.

Izo porogaramu nizishyirwa mu bikorwa bizatuma isura nziza y'u Rwanda irushaho kuba nziza mu mahanga; umubano, ubutwererane n'ubuhahirane hagati y'u Rwanda n'amahanga birusheho kwiyongera.

**Ingingo ya munani :**

**Gushimangira Demokarasi mu Rwanda.**

Kugira ngo Abanyarwanda basobanukirwe neza ibyiza by'ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi, abayobozi b'ingeri zose, guhera ku bayobozi bakuru b'igihugu, bakoze ingendo nyinshi mu gihugu, baganira n'abaturage, babagezaho ibibazo ku buryo bwisanzuye kandi ibibazo byinshi byagiye bibonerwa umuti.

Abaturage nabo bahuguriwe kumenya kwita ku bikorwa byabo no kugira uruhare rugaragara mu mitegekere y'igihugu. Ni muri urwo rwego hakozwe amatora mu nzego z'ibanze, za Selire na Segiteri, ndetse hatorwa ku buryo bw'umwihariko inzego z'urubyiruko, abari n'abategarugori.

Amatora yo mu nzego zibanze yerekanye ko Abanyarwanda bafite inyota yo kwishyiriraho abayobozi binyuze mu matora kandi ko bashobora kurenga ibyabatandukanya bishingiye ku moko, indimi, amadini n'ibindi.

N'ubwo ibyo byakozwe:

- Haracyari ibibazo bijyanye n'imyumvire mibi ya demokarasi igaragara ku bantu bamwe bacyumva ko demokarasi ari amatora gusa, bakiyibagiza ko imibereho myiza ishingiye ku bitekerezo n'ibikorwa mboneramuco n'imizamukire y'igihugu ari bimwe mu bituma demokarasi ishinga imizi;
- Haracyari ihungabana mu Banyarwanda benshi rishingiye ku marorerwa yabaye muri iki gihugu;
- Haracyari intera ndende hagati y'ibyifuzo n'ibibazo by'abaturage n'ibyo amashyaka agaragaza mu mikorere yayo.

**Kugira ngo demokarasi irusheho gushinga imizi mu Rwanda, Guverinoma y'Ubumwe izihatira gushyira mu bikorwa porogaramu zikurikira:**

1. **Guhugura no gusobanurira abayobozi b'inzego z'ibanze inshingano zabo;**
2. **Gufasha inzego z'ibanze kwigisha Abanyarwanda akamaro ko kwishyiriraho ubuyobozi;**
3. **Gukurikiranira hafi imikorere y'inzego z'ibanze;**
4. **Gutegura amatora mu zindi nzego z'ubuyobozi ari urwa Komini, abadepite, Perezida wa Repubulika no gutora Itegeko Nshinga;**
5. **Gushyigikira ibikorwa byo guteza imbere itangazamakuru kugira ngo abanyamakuru barusheho kumva neza ibibazo no kwegera abaturage babatoza kurushaho umuco w'amahoro, uburenganzira bw'ikiremwamuntu no guharanira ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.**

Izi porogaramu nizimara gushyirwa mu bikorwa, inzibacyuho izarangira Abanyarwanda bumva neza akamaro ka demokarasi kandi bamaze kwishyiriraho inzego zose z'ubuyobozi buyishingiyeho no gutora Itegeko Nshinga.

**Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko,**

**Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**

**Nyakubahwa Visi Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko,**

**Nyakubahwa Sekereteri Depite,**

**Ba Nyakubahwa ba Depite,**

Ngiyo porogaramu Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda iteganya gukora muri iyi myaka y'ine y'inzibacyuho iri imbere.

Ibikorwa byose bishingiye kuri izo porogaramu, mwabonye ko bizatuma dukemura ibibazo by'ingutu duhura nabyo kandi bizatuma dutera intambwe igaragara, mu rwego rwa politiki, ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

Twizeye rero ko ingufu n'umurava mwagaragaje mu gushyigikira ibikorwa bya Guverinoma muri iyi myaka itanu ishize muzabikomeza kugira ngo twese nk'Abanyarwanda, tuzahurize imbaraga zacu hamwe mu gushyira mu bikorwa iyi porogaramu. Mboneyeho umwanya wo kwizeza Abanyarwanda bose ko Guverinoma izakora ibishoboka byose kugira ngo igihugu cyacu gitere indi ntambwe ishimishije.

**Murakoze.**

**Murakarama.**